REPUBULIKA Y'U RWANDA
REPUBLIC OF RWANDA

URWEGO RUSHINZWE INTWARI Z'IGIHUGU, IMIDARI N'IMPETA BY'ISHIMWE
CHANCELLERY FOR HEROES, NATIONAL ORDERS AND DECORATIONS OF HONOUR(CHENO)

ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe, ruratangaza ko Umunsi w'Intwari z'Igihugu muri uyu mwaka wa 2017 uzizihizwa ku rwego rw'Umudugudu; Insanganyamatsiko y'uyu mwaka iragira iti: **"Ubutwari ni uguhitamo ibitubereye".** Ni umwanya mwiza kuri twese wo kuzirikana aya magambo.

- Icyumweru cyahariwe kuzirikana Intwari z'Igihugu, **(20-31/Mutarama 2017)**: Kizabimburirwa n'Urugendo rwo kuzirikana ibikorwa by'ikirenga byaranze Intwari, ruzaba ku wa gatanu tariki **20/01/2017,** ku rwego rwa buri Murenge, naho ku rwego rw'Igihugu rukazava kuri RDB rwerekeza kuri Petit Stade Amahoro, nyuma yaho abarwitabiriye bahabwe ikiganiro ku butwari. Icyumweru kizarangwa n'ibiganiro mu bigo bya Leta, ibyigenga, mu mashuri yisumbuye n'amakuru, no kuri radiyo na televiziyo zikorera mu Rwanda. Ibi biganiro bikubiyemo ubutumwa bwo gushishikariza Abanyarwanda kwibuka no kuzirikana ibiranga Intwari, Abanyarwanda twihitiramo ibibereye aheza hazaza h'Igihugu cyacu;
- Ku mugoroba w'itariki **31 Mutarama 2017**, kuri Petit Stade Amahoro, hateganijwe Igitaramo gisingiza Intwari z'Igihugu kizasusurutswa n'abahanzi nyarwanda batandukanye;
- Tariki ya **1 Gashyantare 2017,** Abayobozi bakuru b'Igihugu n'imiryango y'Intwari bazakora umuhango wo gushyira indabo ahateganyijwe ku Gicumbi cy'Intwari i Remera. Ku mugoroba hateganyijwe umupira w'amaguru uzahuza ingabo n'uzahuza amakipe abiri ya mbere muri Champiyona ya 2016. Ku rwego rwa buri mudugudu, hazategurwa ibirori bizashimirwamo abakoze ibikorwa byiza by'iterambere.

Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu Imidari n'Impeta by'Ishimwe rukaba rushishikariza Abanyarwanda kuzitabira ibiganiro bizatangwa ndetse no gushyira mu ngiro ubutumwa buzaba bukubiye muri ibyo biganiro. Tuboneyeho umwanya wo gushima no gushimira abadahwema gukora ibikorwa by'indashyikirwa bigamije kubaka u Rwanda rwiza kubariho n'abazavuka.

Turashimira inzego zitandukanye ku bufatanye zidahwema kutugaragariza mu gutegura no kwizihiza Umunsi Mukuru w'Intwari z'Igihugu. Mugire amahoro.

NKUSI Deo

Umunyamabanga Nshingwabikorwa

---Heroes day 2017---

"Ubutwari ni uguhitamo ibitubereye"